



Ikinyamakuru ku miterere y'ibihe N°33/2016:

Taliki ya 1–30 Ugushyingo 2016

Ryoherejwe kuwa 2 Ukuboza 2016

**Ingingoz'ingenzi:**

- **Igiteranyo cy'imvura** yabonetse mu kwezi k'Ugushyingo\_2016; cyagaragaje imvura yaguye hose mu Rwanda ndetse kinerekana **ukwiyongera kw'ingano y'imvura mu duce twinshi tw'u Rwanda**;
- **Ububobere bw'ubutaka ku gipimo gihagije** bwagaragaye mu bice byose by'ighugu
- **Ukuboza\_2016**; hateganyijwe **igabanuka ry'imvura ndetse n'irangira ry'imvura y'hingga rizaboneka mu bice byose mu kwezi hagati.**


**I. Iriburiro**

Ibice byinshi by'ighugu mu Ugushyingo\_2016; byabonye imvura hafi iminsi yose y'icyo gice naho ukwezi k'Ukwakira\_2016 kubona imvura yabaye nke mu majyepfo y'Intara y'uburasirazuba bw'u Rwanda. Nubwo bigaragara ko mu Ugushyingo\_2016; icyoko cy'imvura cyerekeje mu majyepfo; hose mu gihugu habonetse imvura iri ku kigereranyo cy'isanzwe igwa mu kwezi k'Ugushyingo.

- a) Imbonerahamwe irererekana ikigereranyo ku mvura yaguye mu Ugushyingo\_2016 ndetse n'imvura dusanzwe tubona muri iyo minsi kuri buri bupimiro

**Igiteranyo cy'imvura kuri buri bupimiro (muri mm)**


Ubupimiro	Ugushy ingo_ 2016	Ugus hying o
Kigali	122.6	122.8
Rusizi (Kamembe)	233.5	178.1
Rubavu (Gisenyi)	155.1	145.6
Nyamagabe (Gikongoro)	169.1	127.8
Ngoma (Kibungo)	175.5	132
Gicumbi (Byumba)	189	125.1
Busogo	126.7	184.8
Bugarama	80.3	150.8
Musanze (Ruhengeri)	126.7	155.7
Gitega	146.9	109.5
Rubengera	191.2	114.4
Byimana	136.7	129.5
Kawangire	141.2	147.7
Nyagatare	207.1	91.1




Imbonerahamwe ya1

b) Ubusesenguzi ku mvura yaguye: Ikarita zikurikira zigereranya imvura yaguye mu Ugushyingo\_2016; imvura isanzwe igwa muri iyo minsi, imvura yaguye mu Kwakira\_2016 ndetse n'isanzwe igwa muri uko kwezi.


Ikarita ya1: Imvura yaguye (mm): Ugushyingo\_2016




Ikarita ya2: Imvura isanzwe igwa (mm): Ugushyingo



Ikarita ya3: Imvura yaguye (mm): Ukwakira\_2016



Ikarita ya4: Imvura isanzwe igwa (mm): Ukwakira



## II. Uko imvura yaguye hirya no hino mu gihugu mu kwezi k'Ugushyingo\_2016 mu buryo burambuye

Igiteranyo cy'imvura yabonetse mu kwezi k'Ukwakira\_2016; cyagaragaje imvura iri mu kigereranyo cy'isanzwe iboneka mu bice byinshi by'u Rwanda (Igice cyo mu majyepfo y'Intara y'Uburasirazuba nicyo cyabonye imvura nke; reba **Ikarita3&4**)

Igiteranyo cy'imvura yabonetse mu kwezi k'Ugushyingo\_2016; cyagaragaje imvura iri mu kigereranyo cy'isanzwe iboneka mu bice byinshi by'u Rwanda (reba **Ikarita1&2**):

### a) Intara y'Iburasirazuba

Ubupimiro bwose bwerekanye imvura iri mu kigero cy'isanzwe iboneka muri aka gace n'aho amajyaruguru y'iyi Ntara nkuko hari hateganijwe kuboneka imvura nyinshi; haboneka ubwiyongere bukabije bungana n'ishuro 2 y'imvura isanzwe ihaboneka (reba **Imbonerahamwe ya1** ndetse n' **Ikarita1&2**); ingana na mm 207.1 z'imvura.

### b) Intara y'Amajyaruguru

Imvura yaguye neza iri ku kigereranyo kingana n'isanzwe iboneka muri iyi Ntara mu kwezi k'Ugushyingo; aho ubupimiro bwa Gicumbi aribwo bwabonye imvura nyinshi muri iyi Ntara ingana na mm 180 (reba **Imbonerahamwe ya1** ndetse n' **Ikarita1&2**)

### c) Intara y'Amajyepfo

Imvura yaguye neza iri ku kigereranyo kingana n'isanzwe iboneka muri iyi Ntara mu kwezi k'Ugushyingo; aho ubupimiro bwa Nyamagabe aribwo bwabonye imvura nyinshi muri iyi Ntara ingana na mm 169.1 (reba **Imbonerahamwe ya1** ndetse n' **Ikarita1&2**)

### d) Intara y'i Burengerezuba


Ubupimiro bwose bwabonye imvura iri ku kigereranyo cy'isanzwe igwa kuzamuka. Ubwiyongere bw'imvura bwagaragaye cyane mu gice cy'amajyepfo y'iyi Ntara aho ubu pimiro bwa Rusizi ari nabwo bwabonye imvura nyinshi mu Rwanda muri uku kwezi bwerekanye imvura ingana na mm 233.5 (reba **Imbonerahamwe ya1** ndetse n' **Ikarita1&2**)

### e) Umujyi wa Kigali

Mu mujyi wa Kigali uhagarariwe n'ubupimiro 2 (Gitega na Kigali) habonetse igiteranyo cy'imvura iri ku kigereranyo cy'isanzwe igwa; aho ubupimiro bwa Gitega aribwo bwagaragaje imvura nyinshi ingana na mm 146.9 (reba **Imbonerahamwe ya1** n'**Ikarita ya1&2**)

## III. Ingaruka ku Buhinzi

### a) Ububobere bw'ubutaka (amafoto y'icyogajuru)



Mu gice cya gatatu cy'Ugushyingo\_2016; hakomeje kuboneka imvura mu bice byose by'ighugu; igice cyanaranzwe n'iyongera ry'ubushyuhe ryongeye ubuyayuke bw'ububobere (reba **Ikarita ya 5&6**)

Mu kwezi k'Ukuboza 2016; hateganijwe igabanyuka ku ngano y'imvura ndetse n'irangira ry'imvura y'ihinga mu kwezi hagati ku bupimiro bwose bwo mu gihugu (icyo gihe ubuyayuke buzasumbya imvura iboneka). Abahinzi barasabwa gufasha ibihingwa babyuhira (cyane cyane mu duce tutakiri kubona imvura neza) ndetse no gusarura ibihingwa byeze (cyane cyane mu duce tukiri kubonekamo imvura)

### b) Iteganyagihe ry'ukwezi k'Ukuboza 2016

Hateganyijwe irangira ry'imvura y'ihinga mu kwezi hagati ku bupimiro bwose bwo mu gihugu; irangira rirangwa n'igipimo ku buyayuke gisumba igipimo cy'imvura iboneka:

**Umujyi wa Kigali;** hateganijwe ibicu byiganje bizavamo imvura nke.

**Intara y'Uburasirazuba;** hateganijwe igabanuka ry'imvura mu bice byose cyane cyane amajyaruguru y'Iyi Ntara.

**Intara y'Uburengerezuba;** hateganijwe imvura iri mu kigero cy'isanzwe igwa ikazageza mu kwezi hagati k'Ukuboza.

**Intara y'Amajyaruguru;** hateganijwe imvura iri mu kigero cy'isanzwe igwa ikazageza mu kwezi hagati k'Ukuboza.

**Intara y'Amajyepfo;** hateganijwe igabanuka ry'imvura ku kigereranyo cy'imvura iri munsi y'isanzwe ihaboneka; naho uburengerezuba bw'iyi Ntara bukazabona imvura ishobora kwiyongera ikagera ku kigereranyo cyo hejuru iyo mvura ikazageza mu kwezi hagati k'Ukuboza.

**N.B: Iri teganyagihe rigomba kwifashishwa hagendewe kurisohoka buri munsi (buri masaha 24), iry'iminsi itatu (3), itanu (5) ndetse n'iry'iminsi irindwi (7) ritangwa n'Ikigo cy'Ubumenyi bw'Ikirere (Meteo Rwanda)**